IMFASHANYIGISHO Y'ABAHINZI

Byateguriwe mu Rwanda, Gicuransi 2012

Inda z'Amashu

Kumenya imiterere y'ikibazo

Inda z'amashu ni udukoko duto cyane, hari naho bazita "ubuhunduguru". Izo nda zikunda kugaragara ku mababi y'amashu atoshye kandi amababi zangije arangwa no kwikunja. Habaho ubwoko bwinshi bw'inda z'amashu ni ibindi bihingwa bimeze nkayo. Zigaragara mu mabara atandukanye ariko iz'icyatsi n'umukara nizo ziganje mu mashu.

Ishu ryangijwe n'inda. (Ifoto yafashwe na A. M. Varela, ICIPE)

Uko iteye n'uko ikwirakwira

Izo nda zangiza amashu ziyanyunyuzaza ariko cyane cyane mu gukwirakwiza indwara ziterwa na za virusi. Inda z'amashu zibumbira mu matsinda munsi ku bibabi cyangwa mu ishu hagati. Biragoye kurwanya izo nda iyo ziri mu mutwe w'ishu. Izo nda zikunda ibihe by'izuba kandi zikaba zakwica ishu ryose iyo ari nyinshi.

Uko bayirwanya

- Kurandura no gutaba amashu n' ibisigazwa byayo iyo yagaraje uburwayi bukabije
- Gutoba hagati ya garama 5 na 8 z'isabuni (ikoreshwa mu koza ibyombo) muri litiro 1 y'amazi no gutera ahagaragara inda urwo ruvange inshuro 1 cyangwa 2 ku munsi mu gitondo kare cyangwa nimugoroba.
- Kuvanga garama 20 z'ifu y'ibireti muri litiro 10 z'amazi, ugacugusa cyane nyuma ugahita utera ku mashu ahari inda gusa. Biba byiza uteye nimugoroba kuko izuba rishobora kwangiza uwo muti.
- Igihe uburyo gakondo butakoze neza, koresha umuti mvaruganda ukoze mu bireti (cypermethrin) uwusimburanya na (chloropyrifos) uko ibihembwe by'ihinga bisimburana. Hakurikijwe ibipimo bigaragara ku muti.

Amatsinda y'inda ku kibabi cy'ishu. (Ifoto yafashwe na A. M. Varela, ICIPE)

Imiti ikoreshwa mu bihingwa yangiza ubuzima. Ningombwa kwambara imyenda yabugenewe, kubahiriza i igipimo cyagenwe mu gihe cyo kuyitera, no kuyibika ahategereye ibyo kurya n' imyenda yo kwambara

Izina ry'umwimerere > ***Brevicoryne brassicae; Lipaphis erysimi; Myzus persicae***

Iyi mfashanyigisho iberanye n'igihugo cy'u: Rwanda

BYATEGUWE NA: Aimable Rukundo, Alexandre Rutikanga, Florence Uwamahoro
Rwanda Agriculture Board, PO Box 5016, Kigali
tel: +250 (0)78 874 8136 email: rukundo22@gmail.com

Byatunganyijwe na Plantwise.

Plantwise is a global initiative led by CABI

Lose Less, Feed More

©CAB International. Published under a CC-BY-SA 4.0 licence.